



Ku gice cya IV.igira iti:

MDR Parmehutu,

" Yitegereje ibihugu bitarahamya imizi y'amajyambere y'ubukungu aliko bifi te imigabo ya Demokراسي, isanga imigambi yo gukwiza ubukungu igomba kubururamira icyateza imbere imibereho myiza ya rusange rw'abaturage, isanga imigabo yo gukwiza ubukungu igomba kurebera inzego zose z'abaturage, mu bice byose biboneye rubanda, bitabye bityo ikaba yicukulira iava izihambamo ubwayo".

KUBYEREKEYE AMASHULI: MDR PARMEHUTU usanga yarahaniraga ubujijuke kuva na kera na kera, kumaze bwa rubanda rwose itarobanuye ubwoko. Mu ntego zayo zose icyo yakibanzeho kuva kera no muri Manifeste des Bahutu yo muri 57 nkuko hababwiyeho, cyane cyane mubyo yasabaga byose yibanda k'ubujijuke bwa rubanda rwose ntawe usigaye inyuma.

Ku gice ya V cyiyo Manifeste nyine igira iti:

MDR Parmehutu, Yiyumvisha ko ari ngombwa ko abaturage b'igihugu bagera ku bujijuke bukwije umuntu wo muri iki gihe tugezemo;

Itewe inkunga n'ibimaze gukorwa mu byerekeye umubano n'ubujijuke bw'abaturage;

Ishaka ko amapfundo yose y'amajyambere y'Igihugu arushaho gukomera no kwiyongera;

Yiyemeje guhimbanira gushyira demokراسي mu mashuri no mu bindi bice byose bigenga umubano w'abaturage;

Irasaba Abategetsi n'abandi bese bireba gukomezanya umwete; -gukwiza hose icyiciro cy'inyaka nibura 4 ibanza yo kujijura abana bageze mu kigero cyo kwiga;

- gushyiraho za sentre zibangikanye n'amashuri abanza cyanga ziyasozwa zo gutwaza abana bashoboye kujya mu mashuri yisumbuye uburyo bwo gushobora kwitunga neza;

- gushyira muhanga buri Prefegitura ishuri ryisumbuye ry'inyaka 3 ryakira abana bese bashoboye gukubikira amashuri yisumbuye;

- kwongera no gukomeza icyiciro by'amashuri yisumbuye, ari n'ay'inyanga byo kwigisha abafasha b'abayobozi bazakenerwa mu bice byose by'amajyambere y'Igihugu.

- guteza imbere amashuri makuru na universite bizaha amajyambere y'Igihugu abayobozi ngombwa.

Yishimiye kubona umubano w'Abanyarwanda wiyongera mu mashuri makuru no muri za universite. Iributsa abo bese ko umulimo wabo wa mbere ari ugukoresha ubumenyi bungutse bakorerwa Igihugu, ibihangiliza ikomeje ko bagomba kugaruka mu gihugu iyo amashuri biga arangiye; irasaba leta guteganya inzira zose zatuma bagomba kugaruka kandi igakoresha neza ubumenyi bungutse.

MDR Parmehutu yitaye cyane gutwaza urubiruko umuco uboneye Igihugu n'umwaga uzarutunga kandi Parti ibikorere urubiruko rwo ku mugari n'urwo mu cyaro."

KUBYEREKEYE INKWANO: MDR PARMEHUTU ishaka ko umuco w'inkwano uvaho ugashimbuza umuco wo gutanga umunani ku bana bese.

MDR PARMEHUTU izakomeza gukwiza hose za Fwawe no kwumvisha abaturage kurushaho kuba heza, yogeze amatwara yo kuzigama no gufatanyaliza amajyambere, yihatire gutuma abantu batangira cyanga se bakomeza imigabo yose iteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

Irasaba abarwanashyamba bayo bese:

- 1) gutangira cyanga se guteza imbere imikino n'imyino,
- 2) Kurema za gashyamba ziteza imbere ubujijuke bw'abazimye mu nzego zose z'amajyambere.
- 3) Kwihatira ko imikino, imyino n'ubundi buhimbyi bw'amoko yose bidashyirahamye gusa gukopera amashuri, bidashyirahamye inyuma mu majyambere, ko ahubwo bicengerwamo n'umwuka wa Demokراسي uhuye n'iki gihe Igihugu kigezemo.

Irasaba Abategetsi gutangiza no gutunganya ubwabo imilimo ya leta igenewe gufasha rusange rw'abaturage no kudacogora mu kuyobora imilimo yindi y'Igihugu igenewe akamaro rusange rw'abaturage;

Guteganya inzira zose zishobora gutuma ibyo bitekerezeho bijya mbere bikagaragarazwa mu bikorwa, cyane cyane nko gushyiraho ibigo byo gukomeza ubushyamba.